

# UMUSHUMBA MWIZA

## AKANYAMAKURU K'IWACU-MURAHU MWESE N°01

---

### IMANA IRIHO

Abanyarwanda bagomba guhitamo kwigumira mu bucakara cyangwa kurwanira ubwigenge bwabo. Bo nta n'inkono z'inyama nk'izo mu Misiri zikwiye kubarangaza kuko inzara n'ubukene bigiye kubamarira ku icumu. Ikibazo bafite si uguhitamo hagati y'ubwigenge n'ubucakara ariko barya bagahaga. Ikibazo cyabo ni uguhitamo **UKWIGENGA** cyangwa **UKWICWA** n'Ubucakara !

Ku bibaza niba Imana iri kumwe na Leta ikoresha rubanda uburetwa nk'iya Farawo cyangwa niba iri ku ruhande rw'abaharanira ubwigenge , dore icyo twababwira:

Nk'Uko Imana yakinguye inyanja umuryango wayo ugatambuka nta nkomyi, ni nako igiye gukubita inkonji ingoma y'igitugu yayogoje u Rwanda, maze abenegihugu bongere bahumeke umwuka w'ituze n'amahoro.

Nk'uko ukuboko k'Uhoraho Imana kwashije urutare rugapfupfunukamo amazi meza yuhiye umuryango wayo wendaga kwicwa n'inyota, ni nako Imana igiye gukoresha abandi ba Musa, bagahangamura ingoma yishuka ko izabaho ubuziraherezo ikaba yarimakaje **AKARENGANE** mu Rwanda. Bityo rubanda izuhirwa **UBUTABERA**, abarenganye barenganurwa, abafungiyeye akamama basubire mu ngo zabo, abambuwe ibyabo babisubizwe, buri wese ahabwe icyo agomba , nta vangura rishingiye ku bwoko cyangwa inkomoko.

Twifurije imigisha myinshi, abifuzaga gutanga umuganda wabo kugira ngo **UBUCAKARA** bugende nk'ifuni iheze, **UBWINGEGE** bw'abana b'Imana busugire busagambe mu Rwatubyaye.

**UBWANDITSI**

### INAMA YAHUJE ABANYAMADINI N'UMUSHUMBA MWIZA

Iyo nama yabereye kuri radio Maria ku wa mbere wa Pasika kandi yitabiriwe na kiliziya zose: abapentekoti, abadiventi, anglikani na Gatolika yari yabatumiyeye. Inama yabereye hamwe ikibazo kerekereye no gushakira hamwe uko twatoza abantu bacu umuco gakondo nyarwanda, tukabaha n'amateka y'igihugu cyacu. Bunguranye n'ibitekerezo ku kibazo kerekereye no kureba uko twagira uruhare mu gufasha ba MUSA bacu kugira ngo natwe tuzagere mu gihugu cyacu.

Ubwo mu gusoza twahise dushyiraho umuntu ushinzwe kuyobora akanama twise "EQUIPE DE MAÎTRISE" maze mwalimu wa Pentekoti aba ariwe ugirirwa ikizere. Niwe rero ushinzwe kuyobora équipe de maîtrise.

IMANA IRIHO kandi iri kumwe natwe. Mbega ibyishimo byaranze iyo nama!!!!!! Kristu akuzwe iteka.

**Ubwanditsi:** P. UWIMANA, L. MUZINDUTSI,

A. A. NZABONIMPA , Léon INARARIBONYE

**NGAHO NAWA ISOMERE, MAZE WIBAZE!!!!**

*Iyi nkuru tuyibagejejeho kugira ngo namwe mwirebere impamvu twese tugomba guhaguruka,tugashyira hamwe maze mukareba ukuntu Imana idusanga.*

### Ubwanditsi

Israël irohereza abacommandos benshi mu Rwanda ngo bafate akarere k'ibiyaga bigari!  
Posted April 18, 2014 8:27 am by [Chris Kamo](#) Par Byilingiro, forum DHR, 18/04/2014, [byilin@yahoo.com](mailto:byilin@yahoo.com)

Impunzi mu myigaragambyo i Tel Aviv, basaba ko bakwemerwa gutura nk'impunzi, ku ya 9 Mutarama, 2014.Photo by Moti Milrod

Iliya baruwa Dr. Theogene Rudasingwa yanditse ndabona ica kuruhande rw'uruziga, aliko igitekerezo cyalicyo.

Ntabwo mbona Nyetanyahu ashaka kwirukana impunzi kuko ali iny'Afrika adashaka iwe muli Israeli. Uliya ni umutwe policiere yapfunditse n'abakuru ba Ouganda n'Urwanda. Baliya bazoherezwa, bazaza ali impunzi aliko ali commandos.

Mutinye impamvu yahisemo kuzohereza muli Uganda no mu Rwanda! Ese Urwanda rwemera impunzi zitali inyarwanda bazazishyirahe, bazaziha iki, ko n'abanyarwanda barulimo babuze ikibatunga, abana batiga, abahinga badasarura....?

Ziliya ni M23 version israelienne azohereza, kandi nibahagera, Israel izajya ibagemulira [nk'uko RPA yo kuMulindi yagemuraga iyo muli CND]. Mwibuke ko kuliya aliko les Juifs birukanye les Palestiniens kubutaka bwabo, none abaPalestiniens bakaba alibo bakwiliye imishwari!

Namwe mugihe mwibwirako muzaba mwitegura amatora muhatanira gukuraho Kagame [2017], ibihugu byose byo mukarere [Sud-Soudan,Ouganda, Kenya, Tanzania, Rwanda, Burundi na RDCongo bizaba byaraguye mumaboko y'impunzi zavuye muli Israel kugarura kw'isi Empire Kitara, alizo zangufu Museveni yarataga ku ya 7 Avril 2014. Iliya Empire Kitara niyo Plan B et Final d'Israel kuko ibona itazaba muli buliya butaka n'abarabu bakorana na Russia/Chine/Inde kandi bashobora kubahuha kw'isi bakoresheje armes nucleaires.

Nyamara nimutabyamaganira kure, ibyo mwibwira ngo ni za democracies, inzira yazo zose zihulira kuli "Nouvel Ordre Mondial" kandi ntayindi itali ILLUMENATI ou JUIF, n'ubwo batalibaziko bibeshye, none bakaba babona [libarengana] bazayisangira na Russia n'abaChinois. Nyamara bose bazumirwa!

### Ndi Semahoro

Iyi pasika yatwigisha iki ?
-----------------------------

Iyi PASIKA yakumvisha abatagetsi b'u Rwanda muri iki gihe ko ingeso yo kuvangura abanyarwanda bishwe,hakibukwa bamwe abandi bagahatirwa kwibagirwa ababo ari URUKOZASONI rudahuye n'umugambi w'Imana.Ko kwibuka Abatutsi gusa,Abahutu bishwe ntibibukwe ari ukubiba UMUJINYA n'URWANGO mu mitima y'abanyarwanda kandi Kristu yarapfiliye gutsinda urwango no kwimakaza umuco mwiza w'urukundo.

Urupfu si ikibazo ariko KWICA byo ni icyaha gikomeye cyane.Umuntu wica abandi bantu nta cyubahiro akwiye guhabwa mu gihugu.Ahubwo akwiye umugayo,ikimwaro no kuvugirizwa induru n'igihugu cyose.Abategetsu bubakiye igitinyiro cyabo ku bushobozi buhanitse bwo kumena amaraso y'abanyarwanda ntibakijyanye n'igihe !Nibatibwiriza ngo bave mu

kibuga,Abanyarwanda b'intwali bazisuganye bakosore abo bicanyi.Uhoraho Imana azabashima kandi azabashyigikira.

P.UWIMANA

**TUZHURE TWESE LE 25/05/14 DUSABIRE U RWANDA MURI EGLISE DE PENTECÔTE**